Uko wahangana n'agahinda

Hari ibintu bibiri bishobora kugena uko twiyumva:
(1) ibyo dutekereza hamwe n' (2) ibyo dukora.



GENZURA IBYO UTEKEREZA

Ni iki natekerejeho cyanteye agahinda?

URUGERO: Nta nshuti ngira.

Uko warwanya icyo gitekerezo! Ese *koko* nta nshuti ngira?

◯ **Yego**

◯ **Oya**

Niba ari yego: Andika ibyo wakora muri iki cyumweru, ngo ugire icyo uhindura kuri iyo mimerere.

URUGERO: Nzakora ubushakashatsi menye icyo nakora kugira ngo ngire inshuti. Nzagerageza gushyira mu gaciro, mbanze ngirane ubucuti n'abantu bake aho gushakira inshuti nyinshi icyarimwe.

Niba ari oya: Andika interuro imwe cyangwa ebyiri, zigaragaza uko wahindura uko utekereza.

URUGERO: Nishimira ubucuti mfitanye na Yohana. Ni inshuti nziza kandi antega amatwi.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

GENZURA IBIKORWA BYAWE

Ni iki wakora ngo uhindure uko wiyumva? Hitamo muri uru rutonde, icyo wakora muri iki cyumweru:



- ◯ Gukora siporo
- ◯ Kurya neza
- ◯ Gusoma
- ◯ Gushushanya
- ◯ Gucuranga
- ◯ Guhimba umuvugo
- ◯ Kugira aho wandika
- ◯ Guhamagara cyangwa gusura inshuti
- ◯ Guteka
- ◯ Gukora imirimo isaba imbaraga no gutekereza
- ◯ Kwiga ibintu bishya
- ◯ Kugira icyo ukorera abandi
- ◯ Ibindi: _____

INAMA: Tangira buhorobuhoro, maze ugende ukomereza no ku bindi.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Ni iki wakora kikagufasha gukomeza kwiyitaho mu buryo bw'umwuka ari nako ukomeza guhangana n'agahinda?

URUGERO: Hitamo igitabo cyo muri Bibiliya ukunda, maze ujye usoma igice kimwe buri munsi.

_____

_____

_____

INAMA: Kora gahunda ishyize mu gaciro ihuje n'imimerere yawe kandi uzakomeza.

Kora gahunda yo gusoma Bibiliya:

UMUNSI	IGIHE
✓ ○ Kuwa Mbere	✓ ○ Mu gitondo
○ Kuwa Kabiri	○ Nyuma ya saa sita
○ Kuwa Gatatu	○ Nimugoroba
○ Kuwa Kane	
○ Kuwa Gatanu	
○ Kuwa Gatandatu	
○ Ku Cyumweru	

GENZURA IBYO WAGEZEHO

Jya ugenzura, wenda nka buri kwezi, urebe aho ugeze uhangana n'agahinda.

INAMA: Jya wihangana. Ntukitege ko ibintu byahinduka ako kanya. Bizahinduka buhorobuhoro.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania